99

D2 patrimoine culturel.

Gucunga ubutaka
bw'ahantu nyaburanga
n'ahantu ndangamateka

200

REPUBLIQUE RWANDAISE

MINISTERE DE LA JEUNESSE, DES
SPORTS ET DE LA CULTURE
DIRECTION DE LA CULTURE ET DES ARTS
B.P. 1044 KIGALI
TEL : 8 3527
FAX : 8 3518.

## FICHE DE TRANSMISSION :

DESTINATAIRE ---- D.C.

EXPEDITEUR ---- DCA ai

| | |
|---|---|
| Tel que demandé | Pour votre approbation |
| Faire le nécessaire | Pour votre information |
| Signer et me retourner | Noter et me 0voir |
| Préparer une réponse | Noter et classer |
| Pour suite à donner | Suite à votre demande |
| Pour votre signature | Confidentiel |

Commentaires/Observations/Message

Pour information et suivi

Date 23/07/2003 Signature [signature]

REPUBLIKA Y'U RWANDA
MINISITEREI Y'UBUTAKA,
GUTUZA ABANTU NO
KURENGERA IBIDUKIKIJE
B.P. 3502 KIGALI.

Kigali, ku wa..27.6.2001
N°631/16.02/01

REÇU le 16/07/01 SECAB

Bwana Minisitiri w'Ubucuruzi,
Inganda n'Ubukerarugendo
KIGALI.

Date entrée: le 13/7/01
N° Classement: 17/24/21

20-7-01
DCA
Kubikurikirana

**Impamvu** : Gucunga ubutaka bw'ahantu nyaburanga n'ahantu ndangamateka

**Bwana Minisitiri,**

Mpereye ku ibaruwa yanyu n° 708/15.06.01/2001, yerekeye gucunga ubutaka bw'ahantu nyaburanga n'ahantu ndangamateka mu Gihugu cyacu,

Nejejwe no kubamenyesha ko ubu dushakisha imfashanyo yo gukora « Schéma Directeur d'utilisation des terres et d'aménagement du territoire » izadufasha kugaragaza neza amatsinda yose y'ubutaka n'imikoreshereze yabwo. Izatugaragariza ubutaka bugenewe Ubuhinzi, Ubworozi, Amashyamba, Imidugudu n'ubutaka bukenewe kurindwa (terres à proteger) kubera akamaro kabwo nyaburanga cyangwa kubera kurengera ibidukikije muri rusange.

Mu gihe ibyo bigitegerejwe gutunganywa neza, twamaze gufata ingamba zo gucunga ubutaka bw'ahantu nyaburanga no kubuza iyangizwa ry'ibidukikije.

Ku byerekeye inkengero z'Ikiyaga cya Kivu ku Kibuye, twahagaritse itangwa ry'ibibanza mu Ntara ya Kibuye kugeza igihe MINITRACO izarangiriza gutegura « Schéma Directeur » ya Kibuye.

Ku byerekeye inkengero z'ikiyaga cya Muhazi, twandikiye Abakuru b'Intara bose tubasaba guhagarika ibikorwa ibyo aribyo byose ku nkengero z'ibiyaga n'imigezi muri rusange, ariko cyane cyane ku nkengero z'ikiyaga cya Muhazi ku bw'umwihariko.

Ku byerekeye Politiki y'Igihugu y'Imicungire y'Ubutaka twateganije imicungire yihariye ijyanye n'ahantu nyaburanga karemano n'ahantu ndangamateka harimo ndetse na za pariki.

Mugire amahoro.

**Minisitiri w'Ubutaka, Gutuza Abantu no Kurengera Ibidukikije**

**Prof. Laurent NKUSI**

REPUBLIQUE RWANDAISE
MINISTERE DES TERRES DE LA REINSTALLATION ET DE LA PROTECTION DE L'ENVIRONNEMENT

**Bimenyeshejwe :**
- Nyakubahwa Perezida wa Repubulika
  **KIGALI**
- Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe
  **KIGALI**
- Madamu, Bwana Minisitiri (Bose) MIJESPOC
  **KIGALI.**

RECU 16/07/01
SECAB

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**
**MINISITEREI Y'UBUTAKA,**
**GUTUZA ABANTU NO**
**KURENGERA IBIDUKIKIJE**
**B.P. 3502 KIGALI.**

**Kigali, ku wa..**27.6.2001
**N°**632**16.02/01**

20-7-02
DCA
Kubikurikirana
A traiter par ...........
Date entrée : 28/8/01
N° Classement : 19/25/21

**Bwana Umukuru w'Intara ( Bose)**

**Intara ya...............................**

**Binyujijwe kwa :**

**Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Imibereho Myiza y'Abaturage**
**KIGALI**

REPUBULIKA Y'U RWANDA MINISITERI Y'UBUTEGETSI BW'IGIHUGU N'IMIBEREHO MYIZA Y'ABATURAGE

**Impamvu :** Guhagarika Imyubakire n'ibindi bikorwa ku nkengero z'ibiyaga, Imigezi n'Ibishanga.

**Bwana Umukuru w'Intara,**

Bimaze kugaragara ko ahantu nyaburanga henshi hari hakwiriye gukorerwa ibijyanye n'iterambere ry'ubukerarugendo harimo kwangizwa n'abantu bakora mu kajagari, byaba mu buryo bwo kubaka cyangwa gutunganya ahantu ho kwidagadurira, kuruhukira cyangwa ibindi bikorwa binyuranye. Ku bw'umwihariko, ibyo bigaragarira ku nkengero z'ikiyaga cya Muhazi.

Byongeye kandi, mu rwego rwo kurengera ibidukikije, birabujijwe kubaka cyangwa gukora ibindi bikorwa ibyaribyo byose mu nkengero z'Ibiyaga, Imigezi n'Ibishanga kubera ko bitera isuri, bikangiza amazi n'Urusobe rw'Ibinyabuzima ndetse bikanatuma amazi y'Ibiyaga, y'Imigezi nay'Ibishanga agabanuka.

Kubera izo mpamvu zose, nabasabaga guhagarika imyubakire n'ibindi bikorwa byose muri metero 50 uvuye ku nkombe z'Ibiyaga na metero 20 uvuye ku nkombe z'Imigezi n'Ibishanga, kabone niyo yaba ari isambu gakondo, cyeretse abazaba basabye uburenganzira Minisitiri w'Ubutaka, Gutuza Abantu no Kurengera Ibidukikije, kandi bakabuhabwa.

Inyubako zigamije guteza imbere ubukerarugendo zishobora kwemerwa bivuye k'ubwumvikane gagati ya Minisitiri ufite Ubutaka mu nshingano ze na Minisitiri ufite Ubukerarugendo mu nshingano ze. Musabwe kubishishikariza cyane Abayobozi b'Uturere n'Imirenge.

Mugire amahoro.

**Minisitiri w'Ubutaka, Gutuza Abantu no Kurengera Ibidukikije**

**Prof. Laurent NKUSI**

RÉPUBLIQUE RWANDAISE MINISTÈRE DES TERRES DE LA RÉINSTALLATION ET DE LA PROTECTION DE L'ENVIRONNEMENT

**Bimenyeshejwe :**

- Nyakubahwa Perezida wa Repubulika
  **KIGALI**
- Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe
  **KIGALI**
- Madamu, Bwana Minisitiri (Bose) MIJESPOC
  **KIGALI**